**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO**

Kigali, ku wa 12 Ukwakira 2022
Nº 1630/19.23

**Madamu Minisitiri w'Uburezi**
**<u>KIGALI</u>**

**<u>Impamvu</u>: Kwemererwa gushyira mu kazi abakandida batsinze ikizamini ariko bafite icyangombwa (*To whom it may concern*) cyatanzwe mbere ya *graduation***

Madamu Minisitiri,

Nshingiye ku ibaruwa yanyu nº 1678/12.00/2022. yo ku wa 07/10/2022 mwandikiye Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) musaba uburenganzira bwo gushyira mu kazi abakandida bakoze ipiganwa bagatsinda ku myanya y'abarimu ariko bafite icyangombwa (To whom it may concern) cyatanzwe mbere ya *graduation*;

Maze kubona ko abo bakandida batsinze ipiganwa kandi hakenewe ku buryo bwihutirwa abarimu bo kwigisha mu bigo by'amashuri muri uyu mwaka wa 2022-2023 ndetse hamwe na hamwe bakaba barashyizwe mu myanya baratangiye akazi, ahandi bakaba barangiwe gushyirwa mu myanya hategerejwe *graduation* yabo;

Ndabamenyesha ko mwemerewe gushyira mu kazi abakandida batsinze bagitegereje *graduation*. Bitewe kandi n'uko hari ibindi byangombwa basabwa kugira ngo bashyirwe mu kazi bifata igihe kugira ngo biboneke harimo icyangombwa kigaragaza ko umukandida yafunzwe cyangwa atafunzwe (Criminal record) Ubushinjacyaha Bukuru buvuga ko bitaboneka mbere y'amezi abiri bitewe n'ubwinshi bw'abo bakandida babisaba, ndabamenyesha ko abakandida batsinze ikizamini ariko batarabona *criminal record* nabo baba bashyizwe mu myanya mu gihe hagitegarejwe igisubizo cy'Ubushinjacyaha Bukuru.

Mboneyeho kubasaba kutugezaho bidatinze urutonde rw'abarimu bashyizwe mu kazi bafite icyangombwa (To whom it may concern) cyatanzwe mbere ya *graduation*. Ndabamenyesha kandi ko nyuma ya *graduation* cyangwa nyuma y'igisubizo cy'Ubushinjacyaha Bukuru abazagaragara ko batujuje ibisabwa bazakurwa mu kazi nta mpaka.

Mugire amahoro.



**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**
**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo**

**<u>Bimenyeshejwe</u>:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Bwana Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Madamu Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)
- Madamu Umuyobozi Mukuru wa HEC
- Madamu Umunyamabanga Nshingwabikorwa/NPSC
- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)
- Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)



**P.O. BOX 403 KIGALI Website: *www.mifotra.gov.rw* E-mail: *info@mifotra.gov.rw* Follow us on Twitter: *@RwandaLabour***